RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2025 Tariki 7- 14 Gashyantare



## Football: Habaye Imikino ya 1/8 cy'Igikombe cy'Amahoro

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Shampiyona yarakomeje ku munsi wayo wa 16

P2 **Football:** Habaye Imikino ya 1/8 cy'Igikombe cy'Amahoro

P3 **Basketball:** REG Yongeye Kwiharira Umunsi wa Shampiyona

P4 **Volleyball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa 9 wa Shampiyona


P5 **Cycling:** Munyaneza Didier Yegukanye Isiganwa Rizenguruka ry'Amahoro

P5 **Golf:** Rwanda Open 2025 yongeye gukinwa

# **Football:** Shampiyona yarakomeje ku munsi wayo wa 16

Kuwa 6-9 Gashyantare 2025, Shampiyona yarakomeje ku munsi wayo wa 16, usiga APR FC isatiriye Rayon Sports ku rutonde rwa Shampiyona. Kuri uyu munsi wa Shampiyona, mu mukino wari witezwe ndetse watunguranye kurusha iyindi, Rayon Sports FC yanganyije na Musanze FC kuwa 9 Gashyantare 2025.

Mu yindi mikino y'umunsi wa 16, Gorilla FC yatsinze Vision FC ibitego 2-1, Marines FC itsinda Gasogi United ibitego 2-0. Etincelles FC yatsinze Amagaju FC igitego 1-0, APR FC itsinda Kiyovu Sports ibitego 2-1, naho Police FC inganya na Rutsiro FC. AS Kigali yatsinze Bugesera FC igitego 1-0, Mukura VS nayo itsinda Muhazi United igitego 1-0.








| | Club | MP | W | D | L | GF | GA | GD | Pts | Last 5 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 16 | 11 | 4 | 1 | 27 | 8 | 19 | 37 | – ✓ ✓ ✗ – |
| 2 | APR | 16 | 10 | 4 | 2 | 20 | 9 | 11 | 34 | ✓ ✓ ✓ ✗ ✓ |
| 3 | Kigali | 16 | 9 | 2 | 5 | 17 | 14 | 3 | 29 | ✓ ✗ ✓ ✗ ✓ |
| 4 | Gorilla | 16 | 7 | 5 | 4 | 18 | 11 | 7 | 26 | ✓ – ✗ ✗ ✓ |
| 5 | Police | 16 | 6 | 6 | 4 | 17 | 11 | 6 | 24 | – – ✓ ✗ – |
| 6 | Mukura | 16 | 6 | 6 | 4 | 14 | 15 | -1 | 24 | ✓ ✗ – ✓ ✓ |
| 7 | Rutsiro | 16 | 5 | 7 | 4 | 14 | 11 | 3 | 22 | – – ✓ ✓ – |
| 8 | Amagaju | 16 | 6 | 3 | 7 | 18 | 23 | -5 | 21 | ✗ ✓ ✗ ✓ ✗ |
| 9 | Gasogi United | 16 | 5 | 5 | 6 | 16 | 18 | -2 | 20 | ✓ – ✗ ✗ ✗ |
| 10 | Marines | 16 | 5 | 4 | 7 | 19 | 22 | -3 | 19 | – ✗ ✗ ✗ ✓ |
| 11 | Musanze | 16 | 3 | 8 | 5 | 12 | 14 | -2 | 17 | – ✓ ✗ ✗ – |
| 12 | Etincelles | 16 | 3 | 8 | 5 | 8 | 11 | -3 | 17 | ✗ – – ✓ ✓ |
| 13 | Bugesera | 16 | 3 | 7 | 6 | 16 | 18 | -2 | 16 | ✗ – – ✓ ✗ |
| 14 | Rwamagana ... | 16 | 2 | 7 | 7 | 9 | 15 | -6 | 13 | ✗ – – – ✗ |
| 15 | Vision | 16 | 3 | 3 | 10 | 17 | 25 | -8 | 12 | ✗ – ✗ ✓ ✗ |



# Football: Habaye Imikino ya 1/8 cy'Igikombe cy'Amahoro

Kuwa 12-13 Gashyantare 2025, habaye imikino ya mbere ya 1/8 cy'Igikombe cy'Amahoro, aho Musanze FC yari yakiriye, yongeye kwigaragaza inganya na APR FC, ubusa ku busa, naho Rayon Sports itsinda Rutsiro ibitego 2-1.

Mu yindi mikino, Nyanza FC yatsinze Police FC bitunguranye ibitego 2-1, Gasogi United itsindira AS Muhanga iwayo ibitego 2-0, Amagaju FC atsinda Bugesera FC 2-1, City Boys inganya na Gorilla FC 1-1, mu gihe Mukura VS yatsinze Intare 1-0, naho AS Kigali itsinda Vision FC 1-0.










# **Basketball:** REG Yongeye Kwiharira Umunsi wa Shampiyona

Kuwa 7-9 Gashyantare 2025, ku bibuga bya Lycée de Kigali na Petite Stade habereye imikino ya Shampiyona ya Basketball y'u Rwanda, aho ikipe ya REG BBC yatsinze imikino ibiri. Uwa mbere wahuzaga iyi kipe na UGB wasize iyitsinze amanota 86-63, naho uwa kabiri iwutsindamo Tigers ku manota 85-61.

Naho mu yindi mikino, Patriots yatsinze Tigers amanota 86-78, Kepler itsinda Espoir amanota 84-77, APR BBC itsinda UGB amanota 86-61, naho Patriots yongera gutsinda Orion amanota 71-60.











# **Volleyball:** Habaye Imikino y'Umunsi wa 9 wa Shampiyona.

Kuwa 7-9 Gashyantare 2025, habaye imikino ya Shampiyona ya Volleyball y'u Rwanda ku bibuga bya Petit Stade na NPC. Mu mukino wahuje Kepler VC na APR VC, iyi ya mbere yigaranzuye APR VC, iyitsinda amaseti 3-2, nyuma yo gutangira umukino batsindwa seti 2-1.

Ni mu gihe Police VC yatsinze RP Ngoma amaseti 3-0, naho Gisagara VC itsinda KVC amaseti 3-1. Police VC yongeye gukina na Gisagara VC, iyitsinda amaseti 3-1, naho REG itsinda East African University of Rwanda ku maseti 3-0. APR VC yongeye gukina, itsinda KVC ku maseti 3-0, naho Kepler VC itsinda RP Ngoma amaseti 3-1.

Mu bagore, APR VC yatsinze Kepler VC amaseti 3-1, RRA ihigika IPRC Huye ku maseti 3-0. Ni mu gihe Police VC yatsinze Wisdom VC nayo amaseti 3-0, APR VC yari ihanganye na Ruhango VC ndetse na Kepler VC yari ihanganye na RP Huye nabyo bitsinda amaseti 3-0.







#FRVBSERIEA

FRVB
FÉDÉRATION RWANDAISE DE VOLLEYBALL

SERIE A MEN | VOLLEYBALL NATIONAL LEGUE 24/25

RANKING PHASE II ROUND 9

| RK | TEAM | MP | W | L | S (WON - LOST) | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE VC | 11 | 10 | 1 | 31-6 | 30 |
| 2 | KEPLER VC | 11 | 8 | 3 | 26-14 | 23 |
| 3 | APR VC | 10 | 7 | 3 | 25-14 | 22 |
| 4 | REG VC | 10 | 6 | 4 | 21-15 | 18 |
| 5 | GISAGARA VC | 11 | 5 | 6 | 20-20 | 16 |
| 6 | EAU VC | 10 | 5 | 5 | 16-21 | 13 |
| 7 | RP NGOMA | 11 | 1 | 10 | 6-30 | 3 |
| 8 | KIGALI VC | 10 | 0 | 10 | 5-30 | 1 |

KIGALITODAY LTD

#FRVBSERIEA

FRVB
FÉDÉRATION RWANDAISE DE VOLLEYBALL

SERIE A WOMEN | VOLLEYBALL NATIONAL LEGUE 24/25

RANKING PHASE II | ROUND 9

| RK | TEAM | MP | W | L | S (WON - LOST) | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE WVC | 11 | 10 | 1 | 32-7 | 30 |
| 2 | RRA WVC | 10 | 10 | 0 | 30-6 | 28 |
| 3 | APR WVC | 11 | 8 | 3 | 27-10 | 25 |
| 4 | KEPLER WVC | 11 | 6 | 5 | 20-17 | 18 |
| 5 | EAU WVC | 11 | 4 | 7 | 14-25 | 11 |
| 6 | WISDOM WVC | 11 | 3 | 8 | 12-26 | 9 |
| 7 | RUHANGO WVC | 11 | 2 | 9 | 13-27 | 8 |
| 8 | RP HUYE WVC | 10 | 0 | 10 | 0-30 | 0 |

KIGALITODAY LTD

5

## **Cycling:** Munyaneza Didier Yegukanye Isiganwa Rizenguruka ry'Amahoro.

Kuwa 8 Gashyantare habaye isiganwa ry'amagare rizenguruka Stade Amahoro. Iri siganwa ryahatanyemo amakipe 4 ari yo; Rwanda, May Stars, Java-InovoTec, ndetse na Benediction.

Abasiganwa bazengurutse inshuro 12, buri nshuro ipima 3.9 km, risozwa n'abakinnyi 37, ndetse ryegukanwa na Munyaneza Didier w'ikipe y'u Rwanda, ahigitse Etienne Tuyizere wa Java-InovoTec.

Iri rushanwa ryateguwe na FERWACY mu rwego rwo gupima urwego rw'abakinnyi bazitabira Tour du Rwanda 2025.





## **Golf:** Rwanda Open 2025 yongeye gukinwa

Ishyirahamwe ry'Umukino wa Golf mu Rwanda, rifatanyije na Kigali Golf Resorts & Villas byongeye gutegura irushanwa rya Rwanda Open 2025, ryitabirwa n'abakinnyi barenga 170 baturutse mu bihugu 17 bya Afurika birimo n'u Rwanda.

Iri rushanwa ryabaye mu byiciro bibiri, aho imikino ibanza yakinwe tariki ya 7 n'iya 8 Gashyantare, indi ikaba ikiri kuba guhera ku wa Gatatu, tariki ya 12 kugeza 15 Gashyantare 2025.









RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave